https://itabaza.org/impamvu-6-zikwerekako-ukwiye-guhita-uhagarika-kureba-filime/





ITABAZA



Ahabanza Twiganirire

- **TWIGANIRIRE**

# IMPAMVU 6 ZIKWEREKAKO UKWIYE GUHITA UHAGARIKA KUREBA FILIME

Yanditswe na **Gahire Billy** -

21/03/2017

Filime ni kimwe mu bintu byinjiza amafaranga menshi kw'isi haba ku bakinnyi bazo ndetse na sosiyete zikora filime,Hollywood ni igihangano bwite cya Satani akoresha mu kugirango akwirikwiza imbaraga z'umwijima.Reka turebe ingaruka z'ikomeye za filime zigira ku bantu:

**<u>1.KUMENYEREZA ABANTU ICYAHA(ubusambanyi,ubwicanyi)</u>**

Abategura filime bakora uburyo hari ukina ari umuntu mubi cyane agirira abandi nabi (debande)hakaba n'undi ukina ari mwiza kuburyo arenganwa nawa wundi mubi,iyo umubi apfuye turishima kuko ari umubi upfuye ibi bintu bigira ingaruka mu mitekerereze yacu nk'Abakristo kuko tugomba kubabarira ariko uko ukomeza kureba filime zimeze gutya ushiduka warabaye umwicanyi mu mitererereze yawe. Nkuko iyo ureba filime ubabara cyangwa ukishima kandi uziko ari bintu bakinnye bitabayeho ni nako bigira ingaruka kuri wowe byanze bikunze. Abakina filime bagerageza gukorera ahantu heza,bagakoresha abantu beza,bavuga neza,nubwo rimwe na rimwe batabyerekana neza muri filime harimo ibikorwa bikura byerekeza ku busambanyi kandi uko ukomeza kubireba niko bikurura muri wowe irari rikomeye ry'ubusambanyi.**Mu gihe uhisemo kureba filime jya wibaza uti'ese ibi ndeba binshishikariza kugira urukundo n'impuhwe(Abefeso 4:32)?cyangwa bizatuma nishimira ibibi bigera ku bandi(Imigani 17:5)?Ese bizatuma kwanga ibibi bingora(Zaburi 97:10)?**

**<u>2.GUTWARA IGIHE CYO GUSENGA</u>**

Ububata kumara igihe kinini kuri filime cyane izitwa novela z'uruherekane, abantu benshi bamara amasaha menshi bareba izo filime ugusanga igihe bagakoresheje igihe cyabo mugukorera Imana, zirikana ko atari ibibi wakoze uzabazwa gusa

ahubwo n' ibyiza utakoze kubera igihe watakaje ureba  filime uzabibazwa.**Bibiliya ivuga ngo:"Musenge ubudasiba''.(1Abatesalonike 5:17).**

**<u>3.GUCENGEZA MURI RUBANDA (ABANTU) IMBARAGA Z'UMWIJIMA</u>**

Abantu cyangwa iyo myuka mibi  bategura filime hari ibitekerezo baba bashaka kwinjiza mu bantu mu gihe runaka,abareba filime muri kigihe hari ibiterezo bashaka kwinjiza mu bantu muri kihe.

Ibintu 3 bashaka ko binjiza mu bantu:

**1.UBUTINGANYI** : Barashaka ko ubutinganyi buba igitekerezo gisazwe,bagakina berekana umutinganyi ndetse bakinabivuga muri filime akora ibintu byiza.Bibiliya ivuga ngo:**"Ntugatinge abagabo, ni ikizira".(Abalewi 18:22).**

**2.Isi ntiyaremwe(evolution):**  Igiterezo cy'uko isi itaremwe kugira ngo abantu babimenyere ko isi itaremwe n'Imana ngo ahubwo yabayeho nk'impanuka. Bibiliya ivuga ngo**:"Uko ni ko kuremwa kw'ijuru n'isi,ubwo byaremwaga,ku munsi Uwiteka Imana yaremeyemo isi n'ijuru".(Itangiriro 2:4).**

**3.Roho ntipfa**:Gukwirikwiza inyigisho z'uko umuntu iyo apfuye roho ye idapfa ko iyo umuntu apfuye ashobora kugaruka kw'isi gufasha abari kw'isi(spiritualism).Bibiliya ivuga ngo**:"Abazima bazi ko bazapfa,ariko abapfuye bo nta cyo bakizi kandi nta ngororano bakizeye,kuko batacyibukwa.Urukundo rwabo n'urwango rwabo n'ishyari ryabo,byose biba bishize ,kandi nta mugabane bakizeye mu bikorerwa munsi y'ijuru byose,kugeza ibihe byose.(Umubwiriza 9:5,6).**

**Izi nyigisho kandi bigaragara no muri filime za bana (cartons) nazo nizo kwitondera.**

## 4.GUTERA ABANTU KUTANYURWA

UbushaKashatsi bwerekanye ko kureba televisiyo bitera abantu kwifuza bikabije ibyo badafite,abakora filime kuko bakoresha imodoka,amazu ahenze,imyambaro ihenze,ababireba usanga bahora barota kubaho ubuzima bahora babona muri za filime.

## 5.GUSHAKA GUSA N'ABAKINNYI BA FILIME

Usanga abantu benshi bashaka kwishushanya n'abakinnyi ba filime,uko Bambara,imvugo bakoresha,uko bateye ku mubiri,uburyo babaho n'ibindi..

Ku bantu bakunda kureba filime z'ubutasi cyane(spies)uzasanga basigaye nta muntu numwe bakizera kubera ibyo babona cyane muri izo filime.

## 6.KUBA INTANDARO ZO GUSENYA IMIRYANGO

Kubera igihe kinini abantu bamara kuri filime usanga murugo ntakigikozwe,urugero ni filime z'uruherekane (Novela,series) zishobora gukazana amakimbirane mubashakanye kuko usanga na mwanya bakigirana kubera umwanya munini watwawe na filime.

Filime zitera uhora azireba kwifuza kubona urukundo abona muri filime iyo uwo bashakanye babana akabona atabona ibyo yabonye muri filime ashobora kumva ko atamukunda bagashwana kubera hari ibyo abona atamukorera yabonye muri filime.

**Inama ya Bibiliya ivuga ngo:"Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge,ahubwo mugende nk'abanyabwenge,mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi.Nuko ntimukabe abapfu ,ahubwo mumenye icyo Umwami  wacu ashaka.(Abefeso 5:15-17).ZIKW**

## COMMENTS

**Likes (92)Dislikes (0)**

inkuru ibanza**IMPURUZA KU BADIVENTISTE: ICYAHA GIKOMEYE KU RUGABANO RW'I KANANI KU NSHURO YA 2; NI BANDE BAMBUKA YORODANI?**

inkuru ikurikira**NYUMA Y'IMYAKA 36, KORARI EPEE DE L'ESPERANCE (EPEEE DU SALUT) ISOHOYE DVD YAYO YA MBERE MU GITARAMO CYA FULL LIVE MUSIC**



**Gahire Billy**

*https://www.itabaza.org*